



UMURYANGO W'ABIBUMBYE

Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha

Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha ("IRMCT") rwashyizweho n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi y'Umuryango w'Abibumbye ku itariki ya 22 Ukuboza 2010 kugira ngo rukomeze ububasha, uburenganzira, inshingano n'imirimo y'ingenzi by'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda (TPIR) n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho icyahozeho ari Yugosilaviya (TPIY) zarangije manda zazo mu mwaka wa 2015 n'uwa 2017, uko zikurikirana.

DISIKURU

PEREZIDA

(Iyi nyandiko igenewe gukoreshwa n'itangamakuru gusa. Ntigenderwaho mu mirimo ya IRMCT).

Arusha, Lahe, tariki ya 8 Kamena 2021

Ijambo Carmel Agius, Perezida w'Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha yagejeje ku Nama Ishinzwe Amahoro ku Isi y'Umuryango w'Abibumbye 8 Kamena 2021

Bwana Perezida,
Ba Nyakubahwa,
Namwe mwese muteraniye hano,

Nshimishijwe cyane no kongera kubagezaho ibimaze kugerwaho na IRMCT mu rwego rwo kurangiza inshingano zayo. Nshimiye kandi no kuba mfashye iri jambo imbere y'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi iyobowe n'igihugu cya Estonia. Estonia izwiho cyane gushyigikira ubutegetsi bugendera ku mategeko na IRMCT by'umwihariko, kandi nifurije Estoniya amahirwe menshi mu murimo wo kuyobora iyi Nama.

Mu masaha make ashize, Urugereko rw'Ubujurire rwa IRMCT rwasomye urubanza ruregwamo umuntu wo ku rwego rwo hejuru, ari we Ratko Mladić,

Muri make, Urugereko rw'Ubujurire rwanze ubujurire bwa Mladić maze rwemeza ibyemezo bimuhamya ibyaha bikurikira: jenocide, itoteza, itsembatsemba, ubuhotozi, gucira ishyanga n'ibindi bikorwa bibi birenze kameremuntu (kwimura ku gahato) nk'ibyaha byibasiye inyokomuntu; n'ubuhotozi, iterabwoba, ibitero binyuranyije n'amategeko byibasira abasivire no gufata abantu ho ingwate nk'ibikorwa binyuranyije n'amategeko cyangwa imigenzo bikurikizwa mu gihe cy'intambara.

Urugereko rw'Ubujurire rwanze kandi ubujurire bwa Porokireri maze rwemeza umwanzuro w'Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo uvuga ko Mladić adahamwa n'icyaha cya jenocide ku byerekeranye n'ibyaha byakorewe mu migi imwe n'imwe yo muri Bosiniya na Herizegovina.

Urugereko rw'Ubujurire rwemeje igihano Mladić yakatiwe cy'igifungo cya burundu.

Ndabararikira gusoma Inyandiko y'urubanza, ikubiyemo igitekerezo cy'Abacamanza bagize ubwiganze mu nteko n'ibitekerezo by'abandi Bacamanza binyuranye n'ibya bagenzi babo, iri ku rubuga rwa interinete rwa IRMCT, mu nyandiko zigenewe rubanda.

Uyu muni, ndashimira Abacamanza bagize inteko hamwe n'ikipe yashyizweho kugira ngo yunganire Ingereko kubera ukuntu batahwemye gukora ibishoboka kugira ngo bagabanye cyane ibintu byakerereza



iburanisha ry'urwo rubanza n'isomwa ryarwo, cyane cyane ko iburanisha ryarwo mu bujurire ryabaye urusobe kuva mu ntangiriro. Ndibutsa ko habayeho ibibazo byerekeranye n'Abacamanza basabwaga kwikura mu rubanza, byabaye ngombwa ko bisuzumwa mu ntangiriro z'iburanisha, ko kandi ibibazo byerekeranye n'ubuzima bw'Ujurira byatumye iburanisha mu bujurire ryari riteganyijwe kuba muri Werurwe 2020 risubikwa. Nyuma haje icyorezo cya Koronavirusi maze inzitizi zo mu rwego rw'ingendo hamwe n'ingamba zisaba abantu guhana intera hagati yabo zituma gahunda z'iburanisha zirushaho kugenda buhoro. Icyo nyuma, mu buryo butunguranye kandi bubabaje, Gberdao Gustave Kam, umwe mu Bacamanza bari bagize inteko ukomoka muri Burkina Faso, yitabye Imana muri Gashyantare uyu mwaka. IRMCT nanjye ubwanjye turacyari mu gahinda ko kuba nyakwigendera yaratuvuyemo.

Mboneyeho kunamira Umucamanza Kam no gushima umusanzu ukomeye yatanze mu rwego rw'ubutabera mpanabyaha mpuzamahanga. Ntiyabaye gusa umucamanza w'indashyikirwa usobanukiwe ibyerekeranye n'amategeko, ahubwo yari n'umuntu urangwa n'urugwiro, ushimwa kandi wubahwa n'Abacamanza bagenzi be ndetse n'abandi bakozi. Muri ibi bihe by'akababaro, IRMCT yagize amahirwe yo kubona Umucamanza Mustapha El Baaj ukomoka muri Maroc wemeye gusimbura Kam mu nteko kandi mu gihe gito. Ndashimira mbivanye ku mutima Umucamanza El Baaj kuba yaremeye inshingano zikomeye zirimo iyo kujya muri uru rubanza rwari rugeze kure. Kubera umurava we no kwitanga, imirimo yerekeranye n'impaka z'Abacamanza no guca urubanza yashoboye gukomeza, bituma Urugereko rw'Ubujurire rubasha gusoma urubanza harenzeho gusa iminsi mike ku itariki yari yarateganyijwe.

Isomwa ry'urubanza ryabaye uyu muni ryatumye IRMCT itera indi ntambwe ikomeye iyiganisha ku irangiza ry'imirimo yayo y'ibanze yo guca imanza. Uru rubanza ni ikimenyetso kigaragaza umusaruro ushobora kugerwaho binyuze mu butabera mpuzamahanga, iyo ibihugu bigize ubushake bwo gufatanya maze bikarenga inzitizi zo mu rwego rwa poritike ishingiye ku turere biherereyemo. Muri uru rwego ndibutsa ko, n'ubwo TPIY yakoreye Mladić Inyandiko y'ibirego mu ntangiriro z'umwaka wa 1995, umuhate wa Porokireri w'urwo Rukiko n'ubufasha bw'amahanga ari byo byatumye ashobora gufatwa nyuma y'imyaka 15 ashakishwa. Isomwa ry'urubanza rwe ni ubutumwa bukomeye, ku bibasiwe n'amahano yakorewe mu cyahoze ari Yugoslaviya n'ahandi. Ibyo bigaragaza ko abakoze ibyo byaha by'agahomamunwa bazashyira bagashyikirizwa ubutabera hatitawe ku mwanya w'ubuyobozi barimo cyangwa uko baba bumva kose ko ari abantu bakomeye b'indakoreka. N'ubwo ku babuze ababo imanza nk'uru zitagarura abo babuze cyangwa ngo zikize ibikomere cyangwa ihungabana bahuye na ryo, ndizera ko kuba abantu bakorewe ibyaha babona ko ubutabera bukora kandi ko ibyababayeho byanditswe mu mateka, bizabagabanyiriza akababaro.

Bwana Perezida,

Nyuma y'igikorwa cyabaye uyu muni, dusigaranye izindi manza ebyiri zigomba gusomwa mbere y'uko uku kwezi kurangira.

Mbere na mbere, nshimishijwe no kubamenyesha ko biteganyijwe ko urubanza rwa Stanišić na Simatović, rwaburanishijwe bundi bushya, ruzasomwa bitarenze tariki ya 30 Kamena 2021. Imirimo yo kuburanisha yagenze neza cyane mu gihe kirebwa n'iyi raporo; imyanzuro nsozarubanza mu magambo yatanze muri Mata n'ubwo habayeho inzitizi nyinshi, kandi impaka z'abacamanza zirarimbanyije. Ndashimira Urugereko rwa Mbere rw'iremezo kubera ko rwuarubahirije gahunda uko yateguwe. Imirimo yo kuburanisha uru rubanza bundi bushya nirangira, ubujurire ubwo ari bwo bwose bwerekeranye n'urwo rubanza buzaburinishirizwa ku Ishami rya Lahe.



Icyamba kabiri, ku Ishami ry'Arusha, urubanza rwo gusuzugura Urukiko ruregwamo Anselme Nzabonimpa na bagenzi be rwitwaga urwa Turinabo na bagenzi be mbere, na rwo ruri hafi kurangira. N'ubwo inzitizi zerekeranye n'icyorezo kiriho zagize ingaruka ku bushobozi bw'abaturanyi bwo kwitegura ndetse hakaziraho n'urupfu rubabaje rwa Maximilien Turinabo wari umwe mu baregwa, icyiciro cy'itangwa ry'ibimenyetso bishinjura cyarangiyeye ku itariki ya 7 Gicurasi 2021. Biteganyijwe ko Imyanzuro nsozarubanza mu magambo izatangwa kuva ku itariki ya 21 kugera ku ya 23 Kamena 2021 maze urubanza mu rw'iremezo rukazasomwa mbere y'uko uku kwezi kurangira. Ubujurire ubwo ari bwo bwose bwerekeranye n'urwo rubanza buzaburanishirizwako Ishami ry'Arusha.

Ku byerekeranye n'indi mirimo y'iburanisha yerekeranye na TPIR, mboneyeho kubamenyesha ibyakozwe mu rubanza rwa Félicien Kabuga ugifungiyeye i Lahe, nyuma yo kwimurirwa muri Gereza y'Umuryango w'Abibumbye mu Ukwakira 2020. Mu nama ntegururubanza yabaye ku itariki ya 1 Kamena 2021, abaturanyi basuzumye ibyagezweho mu rwego rwo kwitegura iburanisha banarebera hamwe ibindi bibazo bifitanye isano n'urubanza, maze nyuma y'ibyo hatangwa gahunda y'imirimo ibanziriza iburanisha. Byongeye kandi, hashyizweho impuguke mu by'ubuvuzi yigenga kugira ngo izasuzume uko ubuzima bwa Kabuga bwifashe harimo no kumenya niba afite ubushobozi bwo kuburanishwa no kuba yabasha gukora urugendo rwo kujya ku Ishami ry'Arusha. Raporo kuri ibi bibazo itegerejwe mu minsi iri imbere muri Kamena.

Nyakubahwa Perezida,

N'ubwo inyinshi mu manza tuburanisha zirimo imirimo ibera mu cyumba cy'iburanisha zigenda zirangira, ndibutsa ko IRMCT, nk'uko bisanzwe bizwi, yahawe inshingano yo gukora n'indi mirimo y'insigarira. Muri yo, harimo nko kugenzura irangizwa ry'ibihano byatanzwe na TPIR, TPIY ndetse na IRMCT. Ndagira ngo nongere nshimire byimazeyo ibihugu 15 mu bigize Umuryango w'Abibumbye byo muri Afurika n'i Burayi, kubera umusanzu w'ingirakamaro mu gutuma uwakatiwe umwe cyangwa benshi barimo kuharangiriza ibihano, bityo bikaba bikomeje gukora inshingano ziremereye z'inyongera. Sinshidikanya ko, ibyo byarushijeho kuba ingorabahizi muri iki gihe icyorezo cya Koronavirusi cyugarije isi.

Igihugu ukomokamo, Nyakubahwa Perezida, kimwe n'u Bufaransa, Noruveje n'u Bwongereza bihagarariwe hano uyu muni, hamwe n'ibindi bihugu birangirizwamo ibihano, byakoze ibishoboka byose kugira ngo bidufashe gusohozwa inshingano zacu. Ndashimira buri wese muri mwe wafashe ingamba za ngombwa zo kurinda ubuzima bw'abagororwa bacu, nkanabashimira kuba mutarahwemye kugeza kuri IRMCT amaraporo ku byerekeranye n'imibereho myiza yabo n'amakuru y'uko byifashe, mu magereza bafungiwemo, ku byerekeranye n'icyorezo cya Koronavirusi.

Kubera ko gukora ku buryo abakatiwe bakomeza kurangiza ibihano byabo ari ikintu cy'ingirakamaro, mfite icyizere ko, hazaboneka ibindi bihugu bizitabira kugirana n'Umuryango w'Abibumbye amasezerano yerekeranye n'irangizwa ry'ibihano. Ibyo byafasha IRMCT kwagura ubushobozi bwayo mu byerekeranye n'irangizwa ry'ibihano no korohereza akazi ibyo Bihugu bimaze imyaka myinshi bidufasha muri urwo rwego.

Ku ngingo inyuranye n'ibyo, ndabamenyesha ko raporo mufite imbere yanyu, mu by'ukuri, ari iya 23 ya IRMCT isobanura ikibazo cy'abantu bagizwe abere n'abafunguwe bakiri Arusha. Kubonera abo bantu, bagizwe abere na TPIR cyangwa barangije ibihano byabo, ahantu ho gutuzwa ni ikintu cy'ingenzi. Gusa, ikibabaje ni uko, na n'ubu, icyo kibazo kitarabonerwa umuti. Cyakora, ndashimira Bwana Abubacarr Tambadou, Gerefiye wacu, kubera umuhate adahwema kugaragaza mu gukomeza gushakisha aho



byashoboka hose, n'ubwo hari inzitizi ziterwa n'icyorezo cyugarije ubuzima bw'abatuye isi. Nk'uko mwese mubizi, amahanga ni yo dutazeho ubufasha kugira ngo dukemure iki kibazo kimaze igihe kandi kigira ingaruka ku bushobozi bwa IRMCT bwo kurangiza inshingano zayo. Kugira ngo rero icyo kibazo gikemuke burundu, ni ngombwa ko Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi ikomeza gufata iya mbere kandi hakaboneka ubufatanye n'ubufasha bw'ibihugu bigize Umuryango w'Abibumbye.

Nyakubahwa Perezida,

Ndagira ngo nibutse ibaruwa yo ku itariki ya 11 Gicurasi 2021, nanditse menyesha ibihugu bigize Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi ko Repubulika ya Seribiya ikomeje kutubahiriza inshingano mpuzamahanga ifite zo gufata Petar Jojić na Vjerica Radeta no kubashyikiriza IRMCT. Mbisabwe n'Umucamanza Liu Daqun, Umucamanza umwe rukumbi washinzwe gukurikirana urwo rubanza, nubahirije inshingano zanjye zo kumenyesha Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi ko Seribiya yanze gukorana na IRMCT. Hashize imyaka irenga itandatu kuva ubwo TPIY yasabye Seribiya kubahiriza inzandiko zo gufata abo bantu baregwa, kandi ubu ni ubwa gatatu ikibazo cy'uko Seribiya yanze gufatanya na IRMCT, n'ubwo hariye haboneka uburyo bwinshi cyane bwo kubikora, kigejewe ku Nama Ishinzwe Amahoro ku Isi. Kuba igihugu cya Seribiya cyaranze gukora ibyo gisabwa ntibibangamira gusa imirimo y'ubutabera muri IRMCT, ahubwo ni no kwanga ibyo gisabwa n'amahanga, gikerensa ububasha bw'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi n'itegeko Shingiro ry'Umuryango w'Abibumbye.

Nyakubahwa Perezida,

Tumaze gukora urugendo rurerure kuva ubwo Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi yafataga ibyemezo bidasanzwe byo gushyiraho TPIY na TPIR, na IRMCT yaje gukurikiraho. Ishingiye ku murage w'ibintu ntagereranywa byagezweho mu butabera mpanabyaha mpuzamahanga kubera inkiko mpuzamahanga zidahoraho, IRMCT yabashije kurushaho kuziba icyuho cy'umuco wo kudahana. Kuva aho itangiriye imirimo yayo, mu byo yakozwe harimo guca imanza zinjiye mu mateka, gukurikirana abantu barezwe na TPIR basigaye batari bafatwa, kugenzura irangizwa ry'ibihano, gukomeza kurinda umutekano w'abatangabuhamya n'abantu bakorewe ibyaha, gusigasira ubushyiranyandiko bufite agaciro kanini no gutera inkunga no kugenzura imiburanishirize y'imanza z'ibyaha mpuzamahanga mu nkiko zo mu gihugu. Nta rundi rwego rufite inshingano zinyuranye kandi zikomeye nk'izo. Nyamara ariko, ibyo twagezeho ntibikwiye gusuzumwa hatitawe ku buryo ibintu byari byifashe cyangwa ngo bifatwe nk'ibintu byagombaga kubaho gusa.

Nk'uko bigaragarira mu byo maze kubagezaho uyu muni, intambwe twateye mu gukora ku buryo abakora ibyaha babiryoza no kwimakaza umuco wo kugendera ku mategeko tuyikesha ahanini kuba hari ibihugu bigize Umuryango w'Abibumbye bidatezuka ku ntego byiyemeje. Koko rero, ubufasha bwanyu n'ubw'amahanga muri rusange ni yo nkingi ya mwamba ituma IRMCT ibasha gusohozza inshingano zayo. Ubufatanye hagati ya IRMCT n'ibihugu bigize Umuryango w'Abibumbye ni bwo bwatumye abantu bashakishwaga bafatwa bagashyikirizwa ubutabera, kimwe n'uko ari bwo butuma bishoboka ko abakatiwe barangiza ibihano byabo. Ibihugu bigize Umuryango w'Abibumbye biramutse bitagize ubushake bwo gufasha IRMCT no gufatanya na yo, ibyo iharanira gukora ntibyagerwaho; ibyo bihugu bidakomeje kugirira IRMCT icyizere, icyerekezo cy'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi, cyagaragajwe mu ishingwa ry'inkiko zidahoraho na IRMCT yashyirwaho gukora imirimo y'insigarira y'izo nkiko, ntiyazigera kigera ku ntego zacyo.



Mu izina ry'Abayobozi bakuru ba IRMCT, Abacamanza, n'abakozi bayo b'abanyamurava, ndashimira, mbikuye ku mutima, ibihugu bicumbikiye IRMCT, ibihugu birangirizwamo ibihano, n'ibihugu byose bigize Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi kubera inkunga bidahwema kudutera. Tubashimiye ubwitange buhamye bwanyu. Ndashishikariza n'ibindi bihugu gukomereza aho kugira ngo IRMCT ibashe gukora icyo itegerejweho no kugira ngo ubutabera mpanabyaha mpuzamahanga bugere ku byo bwiyejeje gukora. Mbashimiye kuba mwanteze amatwi.

Ukeneye andi makuru wabaza ibiro bishinzwe imibanire ya IRMCT no hanze

Arusha, Terefone: +255 (0)27 256 5376

Lahe, Terefone: +31 (0)70 512 5691

Imeyiri: mict-press@un.org

Dukurikire kuri [Facebook](#), [Twitter](#), [YouTube](#), [LinkedIn](#)

www.irmct.org